



Republic
of Rwanda



nistr
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA NZERI 2026

10 UKWAKIRA 2026

NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0

Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda

Tel: +250 788 383103

Imeyili: info@statistics.gov.rw

Urubuga: www.statistics.gov.rw

Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

1.1. Ibiciro mu mijyi

Muri Nzeri 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 17,2% ugereranyije na Nzeri 2025. Muri Kanama 2026 byari byiyongereyeho 15,7%.

Muri Nzeri 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 20,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 18,3%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 22,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,9%.

Ugereranyije Nzeri 2026 na Kanama 2026, ibiciro byiyongereyeho 2,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%.

Ugereranyije Nzeri 2026 na Nzeri 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 11,4%.

1.2. Ibiciro mu byaro

Muri Nzeri 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 22% ugereranyije na Nzeri 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2026 byari byiyongereyeho 16%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nzeri 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 27%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 38,7%.

Ugereranyije Nzeri 2026 na Kanama 2026, ibiciro byiyongereyeho 6,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 10,6%.

1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Nzeri 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 20% ugereranyije na Nzeri 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2026 byari byiyongereyeho 15,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nzeri 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 25,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 26% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16%.

Ugereranyije Nzeri 2026 na Kanama 2026, ibiciro byiyongereyeho 5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 9%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2025 kugeza muri Nzeri 2026.

Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije													
	2025				2026								
	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka													
Mu mijyi	7,3	7,1	7,2	8,0	8,9	9,2	9,2	13,0	12,9	13,6	14,5	15,7	17,2
Mu byaro	5,5	3,8	2,0	3,3	6,5	7,0	6,7	10,6	11,8	12,1	13,3	16,0	22,0
Mu Rwanda	6,2	5,1	4,1	5,2	7,5	7,9	7,7	11,5	12,3	12,7	13,8	15,9	20,0
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi													
Mu mijyi	1,4	1,3	0,2	0,0	1,3	0,9	1,3	4,7	0,5	0,4	0,9	1,8	2,7
Mu byaro	1,2	0,8	-0,3	-0,9	0,1	1,4	1,9	6,8	0,7	0,4	-0,2	3,1	6,5
Mu Rwanda	1,3	1,0	-0,1	-0,6	0,6	1,2	1,7	5,9	0,6	0,4	0,3	2,6	5,0

Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

